0287

K0224352



| | | |
|---|---|---|
| **IDENTIFICATION** | : | **RTLM 2-3-4/12/93 0287** |
| **DUREE** | : | **60 mn** |
| **QUALITE** | : | **Assez bonne** |
| **TRANSMISSION** | : | **RTLM** |
| **DATE DE TRANSCRIPTION** | : | **Le 2 / 01 / 2001** |
| **DATE DE REVISION** | : | **Décembre 2001** |
| **NOM DU TRANSCRIPTEUR** | : | **UWAMAHORO M.Vianney** |
| **DICTAPHONE** | : | **SANYO**<br>**Modèle TRC-8080**<br>**Série P8806620** |

# KINYARWANDA TRANSCRIPT

(REVISED VERSION OF K016-4963)

RESUME DE LA CASSETTE N° 0287

FACE A :

* Gaspard GAHIGI fait une mise au point sur une réunion dirigée par RUTAZIBWA, l'ancien professeur au petit séminaire de Monseigneur Joseph.

* Noël HITIMANA centre les points sur la situation au Burundi. Il parle de massacres des Hutus par les Tutsis.

* Monsieur MUHAYIMANA Matthieu pose une question de sécurité dans la zone tampon.

FACE B :

* Interview réalisé par Noël HITIMANA avec 2 chanteurs non identifiés à propos de la chanson «Ku ngoma ya Daliyo».

* GAHIGI propose une voie vers la solidarité rwandaise

# FACE A

**GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef de la RTLM.**

... nyuma rero muri iyo nama bemeza ko barebye uko ibintu bimeze, Inkotanyi zikwiye kubura imirwano. Bati «ariko kugira ngo imirwano yuburwe tugomba kubona impamvu», akaba rero iriya ... biriya biteroshuma bibera mu...ri Perefegitura ya Ruhengeri na Gisenyi ndetse na Byumba muzi ko i Bwisige ibyo bintu nabwo byabaye, bati «reka dushotore ingabo z'igihugu noneho imirwano yubure». Ubwo ejobundi mbese bajya muri Mutura, bakavuga bati «noneho ni agashinguracumu, eee imirwano ntiyigeze igera muri Gisenyi mu gihe byari bikomeye», bati «none reka dutere perefegitire ya Perezida HABYARIMANA, noneho agire umujinya w'umuranduranzuzi, arakare, abwire abasirikare bakimukomeyeho ati murwane dore Inkotanyi zageze iwacu, noneho imirwano yubure.

Muri iyo nama rero yayobowe na Padiri RUTAZIBWA, ngo basanze Abanyarwanda b'Abatutsi b'impunzi baba i Bujumbura, baba i Burundi bakwiye gutanga abasore babo batagiye mu Nkotanyi, noneho bagafasha abasirikare bakoze coup d'état muri izi mvururu zibayo. Ubwo muri iyo nama basanze hamaze kuboneka abasore magana atanu, ibyo kubashaka, kubarokirita, bikaba biyoborwa n'umuntu witwa RUTAZIBWA Paul, wahoze ari umusirikare mu ngabo z'u Burundi.

Iyo nama rero imaze kubona ko hamaze kuboneka abasore magana atanu bakomoka ku mpunzi z'Abatutsi b'Abanyarwanda, inama yaravuze iti «nimuhagarike, nimurekeraho, ahubwo abo basore, ubwo twiyemeje kubura igitero, abo basore ahubwo nibajyanwe mu Nkotanyi, bazarwane mu bitero tuzakora».

Ngibyo rero iby'iyo nama ibera i Burundi, yabereye i Burundi iyobowe na RUTAZIGWA (sic) eee wahoze ari professeur muri seminari yitiriwe Musenyeri Yozefu RUSIMBA, ahitwa i Buhimba, muri Province y'amajyaruguru ya Kivu.

Ngibyo rero, ngira ngo mwumvise noneho impamvu Inkotanyi ziyenza, zikifuza, twigeze kubivuga, zikifuza ndetse ko abantu basubiranamo mu moko. Aha nkagira ngo mbabwire

igitekerezo cy'umudamu umaze kunterefona ariko nkaba nanjye ari igitekerezo nsanganywe, hari abantu koko bashotorana, bagamije ko imvururu zavuka hagati y'amoko, ariko hari n'abandi bantu basanganywe mu bu... mu maraso yabo ibintu by'ubushotoranyi. Nkumva rero niba umuntu ashotoranye, ahubwo abantu b'abagabo cyangwa abategetsi nibamukurikirane ku giti cye, aho kugira ngo babyitirire amoko yose. Kuko les extrémistes, ndavuga abantu ba extrémistes babaho mu Batutsi no mu Bahutu ariko umuntu niba ashotoranye tumurebere hafi ku giti cye, ahubwo nkabona ari i...gitekerezo cyatuma n'ayo mayeri aburiramo niba ashotoranye aho kubyitirira ubwoko bwose, tumukurikirane ku giti cye ahubwo tuburizemo n'umugambi yari afite wo gutuma amoko asubiranamo.

... iyobowe na Padiri RUTAZIBWA yatugaragarije ko biriya bitero byabaye muri Superefegitura Kirambo, muri Komine Mutura, ndetse no muri Bwisige, ko ari ubushotoranyi kugira ngo ee imirwano yubure, kugira ngo abantu barakare, ari Perezida HABYARIMANA arakare, ari ingabo z'igihugu zirakare, ndetse n'abaturage mu gihugu barakare, noneho imirwano yubure. Ikibazo rero kikaba ari iki : niba ibyo bintu bitarangiye abantu babyihanganira kugeza ryari? Icyo ni cyo kibazo gikomeye, abantu bose bashobora kwibaza.

Ubu tuvuge ejobundi Inkotanyi ziteye ahandi, ejobundi buriya zigatera ahandi, abantu babyihanganira kugeza ryari? Icyo akaba ari ikibazo gikomeye tubajije abanyapolitike bacu kuko ibyo bintu bikomeje bityo umuntu yakwihangana akageza ryari? Ndetse no mu kinyarwanda tubona umugana utubwira ko «ubugabo butarakara bubyara ububwa». Ni ukuvuga rero ko hagomba ibikorwa bigaragara, kugira ngo ubushotoranyi buhagarare. Ubushotanyi ... ubushotoranyi bw'Inkotanyi buhagarare muri ako karere, ndavuga ubushotoranyi buza bugashimuta abantu, bukica abandi benshi, Gouvernement ihari, ingabo zihari, ubwo rero ni ukuvuga ko niba twanga kugwa mu mutego tugomba natwe gutegura indi migambi yatuma ubwo bushotoranyi buhagarara kuko budahagaze batumaraho abantu.

Ikindi, uretse ubwo bushotoranyi bw'Inkotanyi ziri hanze, ziri mu birindiro byazo zivamo zikajya muri ka... muri zone tampon, aho bavuga hatagombye kurangwa imirwano, ariko Inkotanyi zahinduye ahaho, ahazo, hari ubundi bushotoranyi tubona hano mu gihugu hagati, ndetse no mu

mujyi rwagati. Mu mwanya nababwiye umusaza w'Umututsi hariya ku Kicukiro, umusaza w'Umututsi ugize utya afata umusore aramuniga amutera ku wa kajwiga, ati «jye ndi Umututsi w'amarere», ati «ngaho vuga»? Umwana arambwira ati... ati «GAHIGI» ati «numiwe» ati «kuko aranize», ati «mbona ni Umututsi», ati «mugahora mutubwira ngo twirinde ngo ibintu byateranya abantu», ati «ngiye kureba umuselire ngo muregere» ati «nsanga abaselire bacitse intege ntibanakibaho», ati «mbura uko mbigenza». None se bwo mu gihugu hagati umuntu azashotora undi kugeza ryari? Ibyo ndavuga abantu bashotorana bitwaje amoko, ndetse hari n'ibindi bintu bkomeye njye ntatinya kuvuga, abantu bashaka intambara, bashaka n'ubwicanyi, bakomeje gucura hano muri Kigali. Umuntu araza akavuga ati «runaka», ati «arimo gucura imigambi yo kumara Abatutsi». Agatinyuka akavuga izina ry'umuntu, akagucu... akagucira (sic) imigambi ngo yo kumara abantu, wowe uzi ko nta yo ucura, nta n'igitekerezo ufite.

Ubwo ibyo bintu iyo ubimenye birakurakaza, ugasanga rero ibyo bintu byo gushotorana, byo kuba washyira abandi mu mitwe, iki... ikibazo cyo kuba wakandamisha abantu akaba ari ibintu abantu bakwiye kwitondera, abo ari bo bose. Ubwo bushotoranyi rero bushingiye ku moko dukwiye kubwamagana ku buryo bugaragara, kuza ukavuga ngo runaka, ngo arimo gucura imigambi yo kwica abandi, nta gihamya utanze, nta bimenyetso utanze, ukaba washyira uwo muntu mu mutwe w'abandi, na bwo ni ubugambinyi ni n'ubugome kandi ni ubushotoranyi ubwo... usanga bujyana bushyira nyine kuri uwo mugambi w'Inkotanyi. Ndetse uwo muntu wamukoraho ugasanga byabyara imvururu, ugasanga rero na byo ubwo bushotoranyi bwo gucira umuntu ibintu by'ubwicanyi nta bimenyetso ubifitiye, ari ikibazo gishobora na cyo gushoza imvururu.

Ubundi bushotoranyi rero turabubona na bwo mu mashyaka, turabubona mu mashyaka ugasanga abantu ba bandi bashyamiranye barashoza ubushotaranyi, ariko imvururu aho zava hose zaha Inkotanyi icyuho. Turavuga rero nababwiye uwo ku Kicukiro wanize undi ariko twamenye ko n'umugabo Emile NYUNGURA muzi washyamiranye na GATABAZI Muri PSD, uyu munsi na we abantu baje baramutera ni we wabitwibwiriye, baramutera ngo bahondagura ku nzugi ze ndetse yatubwiye n'amazina, atubwira uwitwa MANEGE Victor, umukozi ngo ukora muri MINITRAPE muri (inaudible) muri Division ya énergie ngo wazanye n'abantu ndetse

ba...hondagora ku nzugi, ngo baravuga ko NYUNGURA agomba kubaha amafaranga miriyoni indwi. NYUNGURA rero akavuga ati «ibyo bintu ni ibintu bicurwa na... n'uwo MANEGE Victor» ati «nta mwenda mugirira», ati «ndetse babijyanye kuri parike», ati «namubonanye n'umuntu witwa MBARUSHIMANA Antoine wandika mu kinyamakuru Le Soleil», ati «nababonanye bari hamwe», ati «na GATABAZI», ati «bakantumira ngo ejo ngo nzaze kuri parike noneho bamfotore, banshyire mu kinyamakuru bavuge ko ndi umunyoni», ati «kandi rwose nta mwenda wa miliyoni indwi mbamo uwo mugabo witwa MANEGE Victor».

Ibyo rero niba koko ari byo, ibyo NYUNGURA avuga niba ari byo, ubwo bushotoranyi na bwo bushingiye ku mashyaka, na bwo dukwiye kubwamagana kuko ari ibintu bidusebya, ari ibintu ubona bigamije inda, ariko nta nyungu z'abaturage twebwe hano kuri RTLM tubonamo. Tukumva rero abantu bakwiye guhagarika politike y'inda, bakwiye guhagarika ibintu byo guteranya amoko, kandi ntibibaze ko bazi ubwenge kurusha abandi. Ntabwo rero washotora umuntu aa ubugira... ubutagira iherezo ngo wibaze ko atazarakara, cyangwa wibaze ko wategа imitego undi we atamenya gutega cyangwa atamenya gutegura. (Musique)

**HITIMANA Noheli, RTLM.**

... twababwiye ko tubafitiye ibiganiro muri uyu mugoroba, murumva rero twateganyije... imvugo twabateganyirije inanga, twabateganyirije ibiganiro, GAHIGI Gaspard na we afite icyo aratugezaho (arimyoje) ariko mu kanya nyine nk'uko akunda kujya mu mujyi, arambwiye ati «Noheli», ati «reba» ati «mu Rwanda gukurikiza amategeko cyangwa kubahiriza ikiremwamuntu birakomeye muri ibi bihe, cyane cyane muri bihe» ati «kubona imodoka ikubita umuntu ikamugonga ikigendera. Ibi se ni ibihe? Ati «reka mbikubwire neza». Ati «imodoka ya projet, huum bandikaho ngo VP, VP huum, zero kabiri mirongo cyenda na kane, pajero, pajero» ati «hariya imbere ya SIRWA ikubise umugabo ukuze w'umusaza huum wari wikoreye ibisheke, wari wikoreye ibisheke», ati «ntiyanahagarara ihita yigendera». Ako gasuzuguro! None se ko twabonye plaque yayo iyo VP zeru kabiri mirongo cyenda na kane, ubu ngubu ko abagombaga gukora ankete bagomba guhita bayikora, nibayifata azavuga ko ari agasuzuguro? Cyangwa azavuga ko Radio RTLM ari yo yamusagariye? Yasagariye umuturage, ubwo natwe turamusagariye, ibyo ari byo byose tujye tumenya kwiyubaha, tumenye no kubaha abantu

ikiremwamuntu kirakomeye. Dukomeze twumve umuziki.

... tukaba dufite saa moya hano i Kigali. Iyo dutangiye rero ibiganiro byacu muri iyi minsi tutavuze iby'i Burundi, hari abantu bibaza ko tutakurikiye amakuru. Amakuru y'i Burundi twayakurikiye, turakurikira cyane, mwaraye mwumvise ukuntu GAHIGI yasozeje neza neza neza ukuntu abasenyeri bava muri Nord Kivu, hein, bakajya i Burundi bagakoresha amanama, abo ni Abanyarwanda baba muri Zaïre, huum! Ubwo ni Abatutsi nyine bo muri Zaïre, bakagenda bagakoresha amanama, bakigisha abantu ukuntu bagomba kurwana iyi ntambara baturutse i Burundi, bashaka kugira ngo bafate Kigali. Ariko kandi niba mwakurikiye neza nimugoroba mwumvise ko mu Burundi bafite ikibazo, ikibazo cy'abasirikari baho n'abaturage baho, cyane cyane ikibazo gifitwe n'Abatutsi. Muti kuki? Tactique y'intambara sinayize, si ndi umusirikari, ariko ibaho. Ni ukuvuga ko ... ni ukuvuga ko iyo umuntu ashaka kugira ngo akurushye mu ruhame aragutega, akagutega iminsi.

Mu Burundi rero abazi intambara yaho babateze iminsi. Ni ukuvuga iki? Nk'uko Napoléon yateye u Burusiya huum! Napoléon yateye u Burusiya, Abarusiya baramureba, Abarusi bati «uriya muntu arakaze, kugira ngo tumukire ni uko batwika ibigega byacu. Ibigega byose tukabitwika ntatugire (sic) n'ibyo dusigarana, tugahunga umujyi, tukahafata tukigendera, Moscou tukayivamo». Umujyi Moscou bawuvuyemo, batwika ibiryo, byose barabitwika barigendera. Mu Burundi bi... bimeze bite rero? Mu Burundi na ho barabarebye bati «reka u Burundi tubareke barase, barase barase, ubwo imipaka ifunze, imipaka ifunze, ari mu kirere, ari ku butaka, approvisionnement ni ukuvuga ko ababagemurira amasasu n'ababagemurira pétrole, ababagemurira ibiryo, ati «buriya bizagera aho ngaho bihagarare».

Ntabwo ndi gutera abantu ubwoba, ni ukuri, ababagemurira rero haam nibarebe ukuntu babagemurira, tu... tuzi neza ko hataratera inzara, bazabamara bose ari Abahutu, ari Abatutsi, ariko kubera ko Abahutu ari miriyoni esheshatu, Abatutsi bakaba ari ibihumbi magana atandatu, ni ukuvuga ko uzaba agifite agatege azica undi. Ubu rero inkuru dufite ni uko i Bujumbura, nk'uko Musenyeri yabisabye mu nama yakoresheje ku itariki ya mirongo itatu z'uku kwezi gushize, bakaba barabyemeranyije kuri programme yabo, ni uko ubu ngubu i Bujumbura hafi

y'i... y'umujyi cyane cyane mu nkengero z'umujyi ubu hari udukamyoneti dusigaye tuza twa costers, hari twa costers n'udukamyoneti tw'udutoyota tusigaye tuzana noneho imiheto n'amacumu, huum imihoro, imyambi, noneho tukagenda dutanga mu miryango imwe imwe kugira ngo yirwaneho yirwarize. Intambara y'i Burundi iteye agahinda, iteye agahinda, iteye n'ikimwaro isi yose, ni intambara iteye ikimwaro. Kubona abantu bagera aho amasasu abura noneho bakitwaza kwiririwa bari kubaza imyambi, bakora imiheto, babanga imiheto, huum bacura amacumu, ngo ni byo bagiye kuzarwanisha. Bizagarukira he se? Urumva ko iminsi... «iminsi ikona ingwe»! (Musique).

... (inaudible) nk'amasegonda, cyangwa turengejeho nta kibazo. Isaha ni isaha, iyo ari mu mugoroba ni mu mugoroba, saa kumi n'i...mwe ni saa kumi n'imwe, saa kumi n'ebyiri ni saa kumi n'ebyiri , saa moya saa moya n'igice ni byo, ariko kandi... huum isaha yanjye uko nyifite simvuze ko ari ko n'indi saha (inaudible) yeee, mu kanya saa moya n'igice GAHIGI Gaspard aribuze kubagezaho inkuru, inkuru rwose yo kumvisha abantu ko kubeshya atari byiza. Ko abishe abantu kuri Mutura, n'abishe abantu muri Superefegitura ya Kirambo ko ibyo bintu tukibikurikiranye, ko twebwe dukurikirana izo nkuru tukamenya ukuri aho kuri. Ubwo rero ni amatsiko mbahaye, mu kanya muribuze kubyumva, mu kanya gatoya. Ariko hagati aho reka nkomeze mbagezeho n'amatangazo, hari amatangazo cyane cyane itangazo ry'abakozi b'isanduku yo kuzigama y'u Rwanda, ...

**GAHIGI Gaspard.**

Ikibazo cy'abishe abaturage b'inzirakarengane muri Komine Mutura, no muri Superefegitura Kirambo, ubanza noneho amagambo ahariwe na Nkana kuko habonetse ibimenyetso simusiga bishinja Inkotanyi. Tumaze kumenya ko abasirikare ba MINUAR, za ngabo za ONU zaje kubahiriza umutekano mu gihe cy'Inzibacyuho yaguye irimo FPR, abasirikare boherejwe na général Romeo DALLAIRE gupererereza ngo barebe koko abishe abaturage b'inzirakarengane muri Komine Mutura no muri Superefegitura Kirambo, abasirikare rero bazamukiye mu Rugano, none bamaze gutahura imirambo itanu ya ba bana Inkotanyi zashimuse muri Komine Mutura, bagiye kuvoma. Abo bana uko ari batanu Inkotanyi zabishe zibahotoye. Abasirikari ba MINUAR basanze umurambo wa gatandatu w'abo ... w'umwe... w'abo mu... muri abo bana,

uwo murambo wa gatandatu bawusanze utarashiramo umwuka, ibyo bita kuba muri koma.

Abaturage kandi baremeza ko abasirikare ba MINUAR nibigira imbere gatoya, bakegera ahitwa ku Kabashumba mu ishyamba ry'Urugano ku kirunga cya Karisimbi, bazahasanga amahema y'Inkotanyi.

Tumaze kumenya kandi ko Inkotanyi zarashe ku basirikari ba MINUAR mu Kinigi, mu gihe barimo kuzirondora, bakiji... bakizwa n'uko bazamuye ibendera ry'igitare ribaranga. Abasirikare ba MINUAR biboneye izo Nkotanyi ndetse bavugana na zo. Ubwo babonye n'izindi muri Segiteri Gahembe, n'ahitwa i Kirimbi muri Segiteri Kagano, zirya ibigori n'ihene zari zambuye abaturage mu cyaro. Abari bagikekeranya rero ngira ngo bariyumviye, kandi abasirikari ba MINUAR na bo baraziboneye Inkotanyi na zo ziboneye abasirikari ba MINUAR bazifatira mu cyuho, tukizera rero ko noneho bazavugisha ukuri, Komanda DALLAIRE akageza ku Munyamabanga mukuru wa ONU iby'ukuri, hagafatwa ibyemezo bikwiye bigamije noneho amahoro nyakuri.

**Non identifié**

Eee nta we byatangaza keretse utazi Depite RUCAGU udakura amarozi mu kanwa nk'aho ari yo ... nk'aho ari ryo jambo ry'ingenzi yabonye ryagirira akamaro bene wabo. Eee none se ni nde utibuka ko RUCAGU yamaze gutsindwa na KABEZA yari amaze gucira uburozi no kumukubitisha inkoni z'akabwana, ayo marozi anayegeka ku twana tw'iwe...

**HITIMANA Noël, RTLM.**

... nzawugwamo kenshi kubera akame... imyaka cumi n'itanu kuri Radio Rwanda nakozeyo bya... byagiye mu mpanga nyine. Dufite saa mbiri n'iminota cumi n'irindwi hano kuri radiyo yanyu Radio RTLM, huum! Mumaze kumva ikiganiro twagejejweho na Kantano aganira na SEBATWARE Andereya, abantu benshi baterefonnye, nahoze kuri terefone, ariko abanterefonnye benshi nka mirongo cyenda ku ijana bavuze ngo «SEBATWARE ajye avuga, ntazabeshye abandi, azabeshye wenda Abahinde», kubera ko umwe ati «kuva i Kinihira ukajya ku Mulindi, ukajya mu Bufaransa na byo niba uba ufite passeport, na byo ni ukujya ku isi yose, nta

ho atagera». ... ti «kubona na KANYARENGWE rero abantu bakaba bagukubise ntavuge ngo yamubonye kuri télévision gusa, ngo ntibigeze babonana. Eeeh! Mushobora kubonanira muri fax, mushobora kubonanira kuri terefone, mushobora ku zi... ku ntumwa, mushobora kubonana murebana gutya, huum! Ese none ko avuga ngo «abapfuye bishwe n'Interahamwe» hein! Muri Nyamugali y'i Nyarutovu, no muri Cyeru ati «abo bantu» ati «abayoboke ba MDR» ko amakarita yabo adashobora kuyerekana, yerekane ayo makarita avuga ati bari abantu bacu kubera ko bari muri komite iyi n'iyi.

Noneho rero NGABONZIZA Alexis kubera ko kuri iyi radiyo iyo umuntu aduterefonnye tumusaba adresse ye yose. NGABONZIZA Alexis ati «ndi umukwe wabo aranzi», ati «iwacu ni muri Komine Ruhondo», huum! Ati «iwacu kwa Nikola», ati «arahazi SEBATWARE. Ati «ntatubeshye», ati «ndi umukwe wabo», huum! Ati «ndi umukwe wabo». Ati «abo bantu avuze ngo ni abayoboke ba MDR si byo, si byo» ati «ndabihakanye njye ndi umukwe wabo, ndi umuntu wabo, ndabazi ko atari abayoboke ba MDR». Ati «ibyo ngibyo rero nabishyire iruhande», ati «kubera ko huum», ati «ntabeshye rero sebukwe wa NZABANDORA» ubwo ndamubwiye nyine, ati «azi neza, babeshyeye sebukwe wa NZABANDORA na we SEBATWARE azi neza n'amatwara ye». Aho ngaho rero ni ahantu hakomeye, ubwo azabaze NGABONZIZA Alexis kubera ko baziranye impamvu yabimbwiye.

Abandi bati «SEBATWARE azi gusoma. SEBATWARE azi gusoma, yarize, kuki journal ISIBO yamwanditseho ibyo bintu byose, yageze iki gihe akaza muri Radio RTLM ku... kugira ngo avuge ibisobanuro atarandikira iyi journal, ngo ayandikire ibarwa avuge ati ibyo munyandikaho murambeshera? Kuko ni uburenga... ni uburenganzira bwe, journal ISIBO yanze kwandika ibyo SEBATWARE ayandikiye yisobanura ko bamubeshyeye ikanga yayirega, yayirega rwose. Azabikore bo bazamwereke ibimenyetso, kandi bazamuhana. (Musique)

**GAHIGI Gaspard.**

... ikinyarwanda, akavuga ati ...

... n'icyenda Ugushyingo uyu mwaka, Superefe wa Superefegitura Kinihira yayoboye inama i

Tumba. Inama yibanze ahanini ku kibazo cy'umutekano mu karere katagomba kurangwamo imirwano, yee katagomba kurangwamo ibikorwa bya gisirikare ka Kinihira. Icyo gihe berekanye na bamwe mu bagize komisiyo ya... yashyizweho na Ministre w'Intebe Madame UWILINGIYIMANA Agata. Komisiyo ishinzwe gukurikirana neza uburyo amasezerano ya Kinihira yakubahirizwa ku mpande zombi. Muri iyo nama abaturage ee bagaragaje uburyo Inkotanyi zanga zigaca kuri ayo masezerano, maze zikavogera ako karere, zitera ubwoba abaturage kandi zikaba... zikabifashwamo na bamwe mu baturage biyemeje kuyoboka FPR ku mugaragaro. Umugabo witwa TURIKUNKIKO yashyizwe mu majwi ko yorohereza Inkotanyi ndetse yaba anazicumbikira iyo zije muri ako karere. Abaturage bo muri Segiteri Buramira barabimweza, ari na byo muri uyu mwanya mugiye gukurikirana mu kiganiro mugiye kumva.

**MUHAYIMANA Matiyasi.**

Jyewe nitwa MUHAYIMANA Matiyasi nkaba ntuye muri Segiteri ya Mugenga. Ikibazo mbaza Nyakubahwa Milita Superefe yavuze ko «muri iyi zone nta ngabo z'uruhande na rumwe zagombye kugeramo mu rwego rw'umutekano»,yaba ku ruhande rw'u Rwanda cyangwa ku ruhande rwa FPR. Avuga ko «hari abantu baba barayobotse ishyaka rya FPR», ariko muri uko kuyoboka iryo shyaka, twebwe twarahunze turagaruka hari abasore barokrise bajya kwiga yo. Baraje bakivayo, ndibuka ku itariki cumi z'ukwezi kwa karindwi, uwo munsi baraye aho rimwe barara bateye amagrenade, batera umugabo bita HARAGIRIMANA na mushiki we NAKABONYE.

Icyo kibazo twaragikurikiranye mfatanyije n'uwari konseye wa FPR, umugabo TURIKUNKIKO na dossier irakorwa, abaturage bemeza ko batanga amafaranga agomba gusana ibyangiritse, ariko ubucamanza bukazakurikirana icyo kibazo. Bigeze hagati, ndumva na parike yarabahamagaye ibyo bintu ntibabyitaba. Hagati aha rero muri iyi minsi ku itariki cumi n'esheshatu z'ukwa cumi na kumwe, ni bwo haje Inkotanyi izo nashoboye kubona zari zigeze kuri cumi n'esheshatu, zifite za karachinicov, R4, na G3. Ibyo bintu ndumva atari njye wabibonye njyenyine. Bujya gucya mu gitondo ni bwo Radio Rwanda yatangaje ko Inkotanyi zaba zashoboye kubaga abantu muri Nyamugali, Cyeru n'ahandi, ibyo ni ibintu ntarondora kuko abantu babizi. Ubwo nza kwibonanira n'umugabo TURIKUNKIKO uwo munsi zikimara kuhava, ubu ari hano,

ndamubwira nti ziriya Nkotanyi zanyu muzana, zikaza n'imbunda niba ari demukarasi y'imbunda, ntabwo tuzazemera ari uko zazanye imbunda. Twe niba bashaka ko twumvikana mu bitekerezo, nabivuze ku mugaragaro hari abantu, zizaze twicare dushyikirane. Ubwo ndataha, ndumva narabivuze rwose turi kumwe ntabwo byabaye amazimwe. Kandi ziza nta we zitateye ubwoba, nizere ko nta muntu waraye mu... muri iyo zone, niba mbeshya abaturage barahari.

Bon, icyo kibazo kimaze kuhagera, mu gitondo cyaho kubera ko byaragiye bigera hose, nta kuntu bitagombaga kuvugwa, burugumestre yaratembereye ashi... areba umutekano muri komine ye, aravuga ati «bimeze gute? Murahunga iki»? Kuko abantu bari batangiye guhunga. Nanjye ubwanjye ndumva muri iryo joro kugeze na n'ubu ntarara mu rugo. Ubwo umugabo witwa TURIKUNKIKO aho nageraga ku kabari, nasangaga avuga ko umuntu uva muri Segiteri ya Muvumba ari we uteza ibintu by'akaduruvayo ngo ubeshya abaturage, kandi njye nta munsi n'umwe tutaganiriye ari hano amagambo navuze ni yo namubwiye. Namubwiye ko bidashoboka ko tuzemera abantu bazana imbunda, mubwira amagrenade bateye abanyeshuri bo (inaudible) kandi ntabwo mubeshyera ari hano (inaudible) inama ziraba iwawe, zikorerwa iwawe, ubwo ibyo bintu akaba ari byo nazira kandi naramubwije ukuri. Ntabwo mubeshyera abaturage barahari.

Bon, (applaudissement et chuchotement du public), ku buryo hari inama iherutse kuba, iyo nama iherutse kuba ndumva yari ayirimo, naranamushatse naje nkererwe kugira ngo tubivugire hano nsanga yagiye, yakwije ku macentre hose ko hano nta rubuga yari afite rwo kuvuga, none nagira ngo ibyo bintu abivugire hano navuze, kandi Burugumestre njye namubwiye nti... nti n'ubwo zaza zikabaga abantu, kandi narabikwibwiriye ku mugaragaro nari kumwe n'abantu yasanze iwanjye mu museso, Burugumestre akimara kuhava, ndakubwira nti njye ngiye i Kigali, ngwino tugende tubivugana, noneho ngushyira ku muhanda n'abagore bose bahari, nkubwira ko umuntu... nindamuka mfuye ari wowe nzaba nzize, umuntu uzapfa muri iyo zone nta wundi ucumbikira Inkotanyi ari wowe, ni wowe ziza zigana, ariko wakwije amagambo ko Inko... ari njye wahungishije abo banyeshuri, kandi wowe ntitwigeze tubonana muri uwo mugoroba, wanahanyuze saa kumi n'igice njye naraye hanze ndakwibonera, ugeze iwa... iwawe uragaruka uza kumbaza ibyo bintu. Nabivuze hari abagabo : hari a... hari umunyeshuri witwa HATEGEKI... HATEGEKIMANA wiga muri APEKI, hari uwari umugore wawe mubyaranye

kabiri, yaranakubwiye ati «bagushinja ko ziba iwawe», kandi iyo zije zifite imbunda, nta wundi zishaka ni TURIKUNKIKO n'abanyeshuri be, bakaba ari bo baziherekeza. Njye icyo nashakaga kuvuga, nzaramuka mfuye ni wowe nzaba nzize, icyo nshaka ni ukugira ngo usobanure amagambo ugenda ukwiza ko ngo njye na Burugumestre ngo twavuze ngo bahige Interahamwe n'ibintu wanavuze ubivugire hano. Amagambo yanjye ni ayo (applaudissement et sifflet).

**GAHIGI Gaspard.**
(Inaudible)

**HABUMUGISHA Télesphore**
Nitwa HABUMUGISHA Telesifore, nkaba ntuye muri selire Bura... muri Segiteri Buramira, Selire Buramira ya mbere. Ikibazo cy'umutekano rero twebwe twe dufite, ni mucye cyane n'uyu mugabo TURIKUNKIKO abana n'Inkotanyi, Inkotanyi zari (inaudible) ni zo zaje ejo bundi ku itariki cumi n'esheshatu. Zamfatiwe munsi yo kwa ntuza umugabo responsable (inaudible), nari nambaye ishati iriho amakashi, Inkotanyi zamfata zari zifite imbunda, zinifitiye amagrenade, yee ziravuga ngo nishe umuntu. Nti ese urabona ari jye ufite imbunda, ngiye kwica umuntu wowe ufite imbunda ko... nti wowe ntiwakwica umuntu? Aramfata ngo ikigabo cyishe umuntu», noneho abandi banyeshuri bari bari kumwe na we baravuga ngo niba bari ba... ikintu bari babiteguyeho sinkizi, baravuga ngo «yewe» ngo «cyihorere». Ngo ee Inkotanyi rero, iyo Nkotanyi ngo «ni yo Serija yitwa camille». Ahubwo twari tuzi ko iyo Nkotanyi ziraza hano zika... ziba... (inaudible), ni cyo yari igiye kunziza. Niba nishe umuntu abaturage babivuge.

Naho ubundi umutekano dufite mukeye kuva kuri iyo tariki sindarara mu rugo, ari n'uwo mugabo na we niba arara mu rugo simbizi, tuba mu kinani kuri ... kuri Buramira. (Applaudissement), (musique)

**Noheli HITIMANA.**
(inaudible) ubwe arabyivugiye ... (inaudible) araza akivugira, ariko ibyo yivugiye ... (inaudible) ... ntihazagire umuntu avuga ngo jyewe nize droit, ngo nayize ... (inaudible) huum kibeshya umuhanga, hein, kibeshya umuhanga. Si byo se? Kandi rero ibyo na we wikoreye ubikubita

hasi. Hari umuntu wavuze ati «nzagenda nemye». Twaramubajije tuti (inaudible), uzagwa wubamye cyangwa ugaramye? Ntarasubiza icyo kibazo kuko nagwa agaramye azaba ari umugore, nagwa yubamye azaba ari umugabo ubomotse. Ibyo ni ibintu bibiri, azabimenye, naho niyegama aho, umuntu yegama ku gisika nyine akaba apfuye (inaudible) ... ariko aba yegamye, aba apfuye. Iyo wegamye ku gisika uba upfuye nyine, uba ugiye. Huum! Uwegamye aba yegamye! Aba yegamye, ubwo kaba kabaye, huum ariko nawe azamenye ko aguye yubamye cyangwa agaramye! Kugwa agaramye byo byaba ari ububwa ku mugabo. Uhuum! Dukomeze. Imanza ni nyinshi. Umunyacyangugu Gusitave ati «ndaburana». Ni urubanza. Huum! Umugabo KAVARUGANDA ati «nanjye ndamushubije». (raclement de la gorge), na Nsengi... NSENGIYAREMYE ati «ndasinye ubu... ubu ni ubwicanyi bwa... Rukokoma», (inaudible), urwo ni urubanza. Huum! ... Abanyarwanda bazi ubwenge barakurikira. Huum! Iki gihugu ntabwo ari icy'abantu ...

**FIN DE LA FACE A**

# FACE B

**Noel HITIMANA, journaliste de la RTLM.**

... (inaudible) ... ko ku ngoma ya Daniyeli, huum Daniyeli nyine ku ngoma ya Daliyo Daniyeli ajugunywa mu rwobo, hein abahungu bazi kuririmba, bazi kuririmba kubera ko bakurikira. Barakurikira indirimbo zabo zifite umucyo, zifite n'ingero, zifite n'ukuntu zikurikiranye. Ni yo mpamvu nabatumiye kugira ngo iki kiganiro cy'uyu mugoroba kibe isomo. Kitubere isomo, huum hein abangaba ngo ni Abadivantisite, ni Abadivantisite nyine, huum adiventi ni itegura ... itegura ryi'ivuka ... kugaruka kwa Kristo, ee ukugaruka kwa Kristo, ukugaruka kwa Kristo huum! Murumva rero ko dufite umuhanga muri iki gihugu, ukuye ko yari akwiye kwitonda, kubera ko iyo umuntu bamwise ngo ni ... wenda ni Rukokoma, cyangwa bakamwita ngo ni nde, ajye amenya ko surnom ari ikintu gikomeye ku muntu, kimukurikirana. Iyo udashobotse se bigenda bite? Huum!? N'iyo yashoboka byagenda bite se? Simvuze ngo na we yamukokomora ariko se, uhuum ubu ngubu reka nkubaze mwana wa mama, huum bavuga (inaudible) hano i Kigali uhamaze imyaka, uhafite urugo, abana, umugore, n'inshuti n'abagenzi, ko umaze ku... kuririmba ya ndirimbo ngo ngo «ku ngoma ya... ya Daliyo, Daniyeli arohwa mu... mu mu rwobo rw'intare, urwo rwobo twebwe ntabwo turi hafi kurujyamo?

**Le chanteur interviewé**

Eee, urwo rwobo, Daniyeli ubundi bamujugunya mu rwobo rw'intare, ni ishyari, ni ishyari ryatewe n'abategetsi bategekanaga. Daniyeli akaba yarakundwaga n'Umwami Dawidi, akaba yarakundwaga ni... n'abantu bose. Abantu rero bamugirira ishyari, bamugirira ishyari noneho n'Imana Ihoraho ikaba yaramukundaga ku buryo Umwami Daliyo yakundaga Daniyeli ku buryo butangaje. Imana na yo ikaba yaramukundaga kubera iki? Daniyeli iyo... icyo agiye gusenga agakingura amadirishya areba... areba iwaba i Yeruzalemu. Abantu rero bamugiriye ishyari ariko kandi bose bari abategetsi. (Inaudible), noneho bamugambanira ku mwami. Bamugambaniye ku mwami, umwami yi... bamushyiraho iteka, umwami arasinya, Daniyeli bamujugunya mu rwobo. Urwo rwobo rero uvuga ntabwo icyo nakubwira ko ari rwo tugiye kugeramo, kuko Imana twese idukunda, nizeye kandi ko Abanyarwanda twese itureba kandi Imana izadufasha. Urakoze.

**Noheli HTIMANA, RTLM.**

- Nizeye ko n'izo ntare zaburaye ijoro ryose! Haan! Niba nanjye nsoma bibiliya, haan zaraburaye zose. (inaudible).

- ku byerekeye kuri (inaudible), mu by'ukuri iyo Imana igukunda, iyo igukunze, ntabwo ishobora kuguhana aho ugiye hose. Daniyeli bamujugunye mu rwobo rw'intare, agezeyo intare zimurebye, kubera ko Malayika w'Imana yari yahahagaze ntago habe na gato icyo Imana iba yagennye kandi ikintu nakubwira Noheli, ubutegetsi bwose buva ku Mana, Imana ni yo ibutanga kuko ni... Daniyeli yari ya...yari yahawe ubutegetsi imbere y'Umwami Daliyo abandi bamugirira ishyari, bageza ubwo bamujyana muri urwo rwobo, Imana iti «jyayo ariko nta cyo bitwaye aho uzaba uri hose nzaba ndi kumwe nawe». Nuko rero n'ubu ngubu ni ya ndirimbo kuko ni yo twashakaga gusobanura, iriya ndirimbo ikivuze ni «ntukavuge ngo kanaka kanaka. Banza ubaze Imana uyisenge uyisabe uti Mana koko uriya muntu mugarure muzane». Niba ubona agukoreshereje (sic), mugarure mu nzira, ariko ntukamugambanire, ngo najye mu rwobo.

- nk'uko numvise... mu makuru nagiye mbona, nashoboye kubona abagiye i Mombosa kugira ngo bunge amashyaka, bunge TWAGIRAMUNGU na NSENGIYAREMYE, mbese bashobore kugira ngo bashobore gushyiraho ngo huum leta huum gouvernement nshya, bari a... abantu bihaye Imana cyane cyane, hari aba...kristu, huum hari n'abakristu, abasenyeri, n'abapastero, ngo ni bo bagiyeyo cyane cyane, n'abandi banyamashyaka. Niba rero abo bapastero n'abo bapasteri abo... abo bapastero n'abo basenyeri niba bagenda bavuga ishengesho, abashoboye guse... gu... kuvuga ishapure bakayivuga, abashoboye gusenga bagasenga, abashobora gufata bibiliya bakayi... bakayifata, niba koko bayikorera n'umutima mwiza bakabikora koko, twizere ko amahoro yaza, ariko kandi niba ari ukugenda mu macenga, huum, Na bo bakaba abanyamapolitike (sic), ngo politike... Hein! Ngo n'intungane bwira icumuye karindwi, hum! Haan! Tuzarebe ko ibyo batugereyeho ari byiza. Jye ndavuga ngo dusenge. Si byo mu... si byo mwese mwemera? Tujye dusenga. Nidusenga twese tukabigeraho, Imana izajya idufasha, kandi ifasha uwifashije, si byo se? Huum uyisengera ku ishyiga ikagusiga ivu. Reka twumve indirimbo yindi ikurikiyeho mu ndirimbo zacu.

... ivugira i Kigali, muri Radio yanyu, Radio RTLM. Yee dusigaje indirimbo imwe, mu ndirimbo ba... batuzaniye tuyishyizeho (inaudible) .... abacuranzi bose, abaririmbyi bose (inaudible) abashaka bose kutugezaho indirimbo (inaudible) kubera ko iyi radiyo ni iyabo. ... (inaudible) ..... ..... dusenge, twibaze, dutekereze ..... hari n'abandi bafite indirimbo nyinshi, hari nk'uwitwa (inaudible) yanditse (inaudible) na nimero za plaque (inaudible) noneho abazungu batatu inyuma n'umuzungu... n'umuzungu umwe imbere, n'Umunyarwandakazi inyuma, n'Umunyarwanda uyitwaye, bazana za malles barapakurura bashyira muri iyo nzu, iyo nzu. (Inaudible) n'abo muri famille ye, n'ab'umuryango ngo we (inaudible) Abantu bagize ubwoba, bagira ubwoba bikomeye, bati «biriya bintu bapakurura bashyira kwa KAYIREBWA noneho turashize». Huum! Leta rero yo irebe ukuntu yabigenza (inaudible) ntimukuke imitima kubera ko kwa KAYIREBWA bapakuruye ibintu. Ibyo bintu rero byari n'ibintu bikaze na byo babikontorore bamenye ibintu ibyo ari byo, byarapakuruwe abazungu bonyine babyipakururiye, nta na karani ngufu wigeze akoraho. Twikomereze. (Inaudible) kuririmba, (inaudible) hano kuri radiyo (inaudible), kubera ko uyizanye twamuha facture, turacuruza, ni radiyo icuruza, (Inaudible) facture atayemera, (inaudible) iyo facture yayanga (inaudible), huuum! Hari n'abandi rero nshuti zacu batwemereye guhitisha imiziki yabo, twabyemera. Ikibazo kiri he? Nk'uko na (inaudible) guhitisha imiziki. Hum! Ubu rero nagira ngo dusoze, dusoze, kubera ko mu kanya MBILIZI Philippe MULONDA, saa moya n'igice rwose kuri programme aratangira rero afata antenne, afate antenne kugira ngo na we akomeze (inaudible) na we isaha imwe n'igice akomeze akore animasiyo .... (inaudible) ageze saa yine nk'uko bisanzwe. Ariko se, nk'uko bisanzwe!

...dufite saa moya n'iminota makumyabiri n'itanu hano muri sitidiyo zacu, sitidiyo za Radio RTLM (inaudible) abo bantu rwose, akaba avuga ngo «wenda» ngo «twagiye kubitara kare, cyangwa hehe», Abanyarwanda ubu ngubu barajijutse! Barajijutse ku buryo kubaza umuntu akagubiza ntabwo (inaudible).

**Orateur non identifié :** Huum

**HITIMANA Noheli :** (inaudible)
- huum.

- none se urumva umwanzuro watanga mu ma... (inaudible) uti icyo numvise nabwira abantu ni ikihe? (Inaudible).

- huum ndumva izi ndirimbo twaririmbye uyu munsi zitwrekeza rwose ahantu tugomba kumva yuko... ko tugomba gushyira hamwe. (Inaudible) ... ariko hano ku isi uzi ko dutekereza byinshi, hari abantu batekereza ukwabo n'abandi bagatekereza ukwabo (inaudible) yuko iyi si (inaudible) n'abantu b'ubwoko butatu : Abatutsi, Abatwa n'Abahutu. Ku bakristu rero twe ntibyagombye kubaho, ariko mu bakristu na bo habamo abandi batekereza ukundi bitewe ni uko Abahutu babangamira Abatutsi, kandi Abatutsi bavuga yuko bate... babogamiye Abahutu, n'Abatwa ni uko tuzi yuko ari bacye (inaudible). Urumva rero munyamakuru wa RTLM Noheli umwanzuro njye natanga ni uko twese twagombye kumenya cyangwa twagombye kuvuga yuko twe umukristu mbese hano ku isi Imana twese itubara kimwe, ari Umuhutu, ari Umutwa, ari Umututsi, twese (inaudible).

- ndabona uko muri batatu mwe nabarebye, sinabone ukuntu mbasobanura ariko ndabona harimo Umuhutu witwa, .... (inaudible) hashobora kuba harimo n'Umututsi (inaudible) rubanda. Huum, ndabona Samweli ... (inaudible) ndabona umunyaruhengeri, ndabona n'umugabo w'i Gitarama, (inaudible) ndagira ngo uvuge ijambo rya nyuma, nabonye abo mwazanye (inaudible) noneho (inaudible).

**Orateur :Non identifié**

Urakoze ...... nagira ngo nkosore mugenzi wanjye gatoya ni uko yavuze ko muri iyi isi dutuyemo (inaudible) amoko atatu, muri iyi isi nta moko menshi arimo, ariko uko turi muri iyi isi ni iyi si koko ni na yo mpamvu tugomba no kuyanga, ahubwo mu ijuru nta bwoko buzabayo nta... karere, nta n'ishusho twese tuzaba tureshya. Iryo jambo ni ryo ni ryo nashakaga kuvuga yuko ntabwo hazajya hinjira ubwoko ubu n'ubu cyangwa iki, hazajyayo umuntu wizeye gusa. Izi ndirimbo twaje ... gutanga aha ngaha, twagira ngo twereke abantu bose yuko mu ijuru, Yesu ahategeka, iryo juru tuzaba turimo ntabwo bazarobanura ubwoko ubu n'ubu, cyangwa akarere, cyangwa ngo ndi uyu n'uyu, cyangwa se ... (inaudible)

**- Noheli HITIMANA.**

Nshuti mwumva Radio yanyu Radio RTLM turashoje, MBILIZI arampamagara ati «mpa (inaudible) umwanya ahasigaye nanjye mvuge», mwese mwese tubasezereho, (inaudible) Samweli, ... (inaudible)

**Charles MAKUZA**

Nanjye nkaba MAKUZA Karoli .... (inaudible)

- bose bose bati «mukomeze mwumve Radio yanyu Radio RTLM, mu kanya MBILIZI Philippe haan uriya mwana na we azi haan (inaudible), ariko kandi hari akantu nagira ngo mutubwire huum! Gake k'uyu muzika (inaudible) (musique religieuse)

**Philippe MBILIZI, RTLM.**

(Passage inaudible et un peu de musique)

**Gaspard GAHIGI, RTLM.**

... zari zifite umugambi wo gutuma amoko asubiranamo cyane cyane Abahutu n'Abatutsi, Abatwa bo basa n'abibagiranye muri iki gihugu. Ibyo bintu rero, ibyo bintu byo gusubiranyamo amoko byatangiye kuva kera, ariko wareba aho bigeza ubu ukabona ari bwo bishyushye, tukavuga tuti rero twebwe kuri RTLM umuti tubona, umuti tubona kuri icyo kibazo, mbese akaba ari wo muti twe twifuza ko abategetsi badufasha niba babona ari wo, ko washyirwa mu bikorwa, noneho tukaburizamo imigambi y'Inkotanyi, ya FPR-Inkotanyi. Ni uko hari abantu koko ubona basa n'aboherejwe n'Inkotanyi gushotora...na gushotorana hano mu gihugu kandi ubona koko babishingiye ku moko. Noneho umuntu yaba Umuhutu, yaba Umututsi, ukabona arashotora undi kugira ngo imvururu zivuke noneho zitiririrwe amoko. Tugasanga rero koko hari abantu basanzwe bazwiho ubushotoranyi, basanzwe bazwi... bazwiho ibintu bimeze nk'ubusazi. Abo bantu kenshi baba bazwi. Hari n'abandi koko ubona biyenza ku mugaragaro, ukibaza ikintu bagamije ukagiheba. Ubwo rero tukavuga tuti rero twebwe abantu basanzwe ari abasazi turabazi, ariko nta muntu ugomba kwitwaza ubwo busazi, ahubwo akomeje kubwitwaza ubutegetsi nyine bukwiye

kumufata bukamujyana i Ndera aho kugira ngo agume mu bantu. Ariko niba ari rero abantu bagatumwa na bo bagaragara, tukifuza ko umuti twebwe waboneka ari uko igihe umuntu bimugaragayeho ko ari umushotoranyi yabihanirwa ku giti cye, ubutegetsi bukaba hafi, abantu bakaba hafi, ndetse bakishyira hamwe ari Abahutu, ari Abatutsi niba bakunda amahoro, noneho abantu bakishyira hamwe koko bakavuga bati uyu muntu arashotorana, noneho ubutegetsi bukamukurikira ku giti cye, aho kumukurikira ngo inyuma ye bavuge ko bakurikiranye ubwoko bwose. Umuntu ushotoranye haba muri karitsiye, haba mu kabari, haba ahandi abantu bahurira, abantu bakavuga bati runaka mu izina rye ni umushotoranyi ubutegetsi bukamufata, bukamuhana ku giti cye ariko butamuhaniye amoko kuko ibyo bintu byo kugira ngo babone muri buri muntu ubwoko bwe ari byo byatuma nyine ee ibintu bisandara noneho amoko agasubiranamo. Ariko bagiye bareba umuntu ku giti cye, bakavuga bati wowe runaka urashotoranye niba ugira ngo amoko asubiranemo, ariko ni wowe nyirabayazana. Noneho ugafatwa, ukabihanirwa.

Ndetse uwo muti njye mbona wagira akamaro ariko ikibazo rero gihari, ikibazo gihari kugira ngo uwo muti uboneke abantu bawunywe ubundi bigomba gukorwa n'abategetsi kuko nta muntu wihanira ubwe, ubwo rero abategetsi ikibazo dufite muri iki gihe ni uko ubutegetsi busa n'ubwabuze. Muzi ko abantu bahanaga abandi mu buryo bwa gacaca kandi bwumvikanye abantu batagombye kujya mu nkiko ari abaselire, none abaselire bati «nta gashahara kacu», nako nta n'ubwo bakita agashahara bakita agashimwe kuko (inaudible) ngo umuntu akore umwaka wose bamuhe ibihumbi icumi ngira ngo murumva ko atari umushahara, ari u... baritanze none iyaba abaselire bari bahari badufasha muri ibyo bintu. Ariko abaselire bacitse intege, abaselire bacitse intege kubera ko muzi ibintu bivugwa ku byerekeye agashimwe kabo, hari abakanga, hari abantu batera rwaserera ngo be kukabona, ikintu rero cyatuma koko amoko adusubiranamo ni icyo, ni uko umuntu yakurikiranwa ku giti cye igihe ashotoranye abantu ba... bagahita... bamugota ku giti cye, atari ukumugota ngo bamugirire nabi, ariko bakamugota bu... bakamushyikiriza ubutegetsi bati uyu muntu, ni... ku giti cye niba yitwaza n'ubwoko ariko ku giti cye ni we wabiteye, noneho agafatwa noneho tugatuma... Bigenze bityo tuzi neza ko umugambi w'Inkotanyi twawuburizamo wo kuvuga ngo abantu basubiranemo biturutse ku moko. Kuko uwajya afatwa ku giti cye, ntabwo yajya avuga ngo afatiwe ko ari Umuhutu cyangwa Umututsi, yafatirwa ko yashotoranye kandi bikandikwa no mu bitabo by'ubutegetsi, ee bakamucira urubanza ku giti cye.

Tukabona rero eee ngira ngo n'abatuma abaselire batabona ishimwe ryabo baba bari muri uwo mugambi kuko abaselire bonyine ni bo batuma icyo kintu gishoboka. Tugasaba rwose abantu ko bashyira mu gaciro, ayo mafaranga y'abaselire bayabonye nta cyo bizabahombya, kandi ngira ngo bayabonye byagarura umutekano mu gihugu, ndetse n'uwo muti twe tuvuga byatuma abantu bawunywa. Tugasaba rero ko abantu bashaka ubushotoranyi bakwiye kubureka, bakwiye kubureka kandi ee umuntu wifuza gutwika igihugu sinzi ko we yibaza ko atagihiramo, cyangwa umuntu wibaza ko ashoza intambara arusha abandi ingufu a... i... arusha abandi ubwenge, ngira ngo icyo gihe cyararangiye uwashaka yatuza tugaturana. (Musique)

... amakuru ashyushye igeza ku bantu kubera ukuri ivugisha, ariko rero no ku muzika, RTLM ngira ngo yaratsinze. No mu mwanya igihe nashyiragaho indirimbo z'Imana, hari abantu bambwiye bati «ariko izo ndirimbo muzivana hehe»? Njye ejo nigeze kuvuga nti njye ndakuze, ndashaje, ariko ku muzika narageragezaga. Iyo ndirimbo rero ngiye kubashyiriraho, iyo ndirimbo ngiye kubashyiriraho yitwa «IDAYA» ngira ngo ni bwo bwa mbere muyumvise hano, sinzi niba na... hari n'ahandi mwayumvaga, ariko ni indirimbo Pepe Kale yaririmbiye umukobwa witwa IDAYA uba Arusha. Iyo ndirimbo rero nayifashe ndi mu mishyikirano Arusha, bikaba bitwereka rero ko abaririmbyi bakunze kugenda bagahura n'udukobwa twiza bakabu... bakaba... bagakundana, n'urukundo si rubi, ariko iyo ndirimbo ... (coupure).

Dufite saa tatu n'iminota mirongo itatu n'itanu. Nkagira ngo mu mwanya mbumvishe indirimbo y'umuririmbyi ee wavuze ati «Apartheid ... (inaudible)», ati «biriya bya Apartheid» ati «urebye ni urukozasoni muri iyi si». Ikibazo cy'amoko rero koko kiriho ee kandi hari umuntu wavuze nanjye ndabyemera ati «ikintu cyatuma ikibazo cy'amoko gishira ni uko abantu babanza bakemera ko amoko ariho ko ahubwo bakiga uko ayo moko yabana ataryamiranye». Ndetse nigeze kuvuga nti hano kuri RTLM njye ndashaka ko rwose twazajya impaka ku kibazo cy'amoko, tukareba amavu n'amavuko y'iki kibazo kiri mu gihugu, ndetse tukareba koko icyatuma ayo moko abana adashyamiranye, atarebana ay'ingwe. Ariko twakomeje kugira akazi kenshi no kugira ibitubangamiye, ariko twumvaga kuri icyo kibazo twamaze kumva amazina y'abantu bamwe twakumva twajyaho impaka kuri icyo kibazo ndetse nkaba ngira ngo mbabwire

abantu numva jye ntekereza twazajyaho impaka kuko iyo babaye benshi cyane na none ntibikunda, ariko n'uwashaka kumbwira ati nanjye ndumva nshaka kuzaza eee namubwira nti uzaze tujye impaka ku cyo kibazo, numvaga rero kuri icyo kibazo, ndetse nkifuza ko ejo guhera saa yine abatwumva, babwira aba bantu ngiye kuvuga ko numvise baza tukajya impaka kuri icyo kibazo, ubishaka akanyemerera, utabishaka akambwira ati sinzaboneka, noneho tugafata umunsi tukazakijyaho impaka, noneho abumva RTLM bakavuga bati twumve koko kiriya kibazo, ariko tukagidisikitaho, ndavuga tukakivugaho mumba... hein mumbabarire, euh tukakijyaho impaka ku buryo bw'ubuhanga bwu... bwumvikana atari ugufifika kandi ku buryo eee abatwumva bumva koko uko icyo kibazo giteye.

Njye numvaga rero natumira Karoli NKURUNZIZA, Karoli NKURUNZIZA muramuzi, ni Secrétaire wa Gouvernement, nkatumira Madamu MBONAMPEKA, mumaze iminsi mumwumva ibitekerezo afite, nkatumira ndetse umunyamakuru mugenzi wacu KAMEYA André niba anyumva cyangwa se abamwumva, akambwira koko niba ashaka kuzaza, n'abandi mvuze bakambwira niba bashaka kuzaza, nkatumira na BARAYAGWIZA Jean Bosco. Noneho tukazajya impaka kuri icyo kibazo, noneho abantu bakavuga bati reka koko twumve ee impaka icyo bita débat, ni ukuvuga ko tugomba kkubitegu... nagitegura ubwanjye, noneho izo mpaka nkaziyobora, abantu bakareba amavu n'amavuko y'icyo kibazo, tukareba uko giteye tugashaka n'umuti.

Nagira ngo rero mbabwire abo numva twajyaho impaka, noneho guhera ejo tugaterefonana tugafata gahunda y'igihe twagira izo mpaka, noneho tukazabwira n'abatwumva igihe twahitishiriza icyo kiganiro. Nkumva rero natumira KAMEYA André ngira ngo muzi ko ari umu... yandika Rwanda rushya kandi ibitekerezo bye mukaba mubizi ku byerekeye uko abona ibibazo by'amoko yarabyanditse, nkumva rero ari umuntu wagira icyo yungura abatwumva, Karoli NKURUNZIZA ni umuntu muzi w'inararibonye muri politike kandi ukunze kugira ibitekerezo ku mateka y'iki gihugu, Madamu MBONAMPEKA mwaramwiyumviye numva ari umudamu wu... na we wagira icyo atwungura, na BARAYAGWIZA Yohani Bosco mumaze iminsi mwumva ibitekerezo bye, nkaba rero narabahisemo nkurikije uko ibitekerezo byabo numva bigenda binyurana, noneho tukazajya impaka ejo ... guhera ejo tugaterefonana nanjye

nzabashaka kuri terefone, nzabashaka kuri terefone na bo uwa...ntanga yanterefona, uwemeye akemera, utabonye umwanya ee tukaba twashaka undi, ariko nkumva koko twajya impaka kuri icyo kibazo, tukareba rero uko bimeze.

Eee nagira ngo nsubiremo muri ayo mazina, navuze BARAYAGWIZA Jean Bosco ukora muri Ministeri y'Ububanyi n'amahanga n'Ubutwererane, akaba directeur, mvuga... Madamu MBONAMPEKA, nkavuga na Karoli NKURUNZIZA na KAMEYA André w'umunyamakuru (inaudible). Tukaba twazajya impaka kuri icyo kibazo noneho abantu bakumva imizi yacyo, bakumva uko giteye, tukaba twareba n'umuti .... (inaudible).

Uwo mugabo rero Nel Oliva w'umuririmbyi ni we wavuze ati «Apartheid is...», noneho ati «Apartheid», uzi Apartheid ko ari ikibazo gishingiye ku moko n'ubwo bavuga ngo ni abirabura n'abazungu ariko ni amako, ni ibi turimo mu Rwanda na byo (inaudible), ni ibibazo biri hagati y'Abahutu n'Abatutsi, (inaudible), intambara imaze abaturage b'inzirakarengane bishingiye ku moko, ukabona na byo ari (inaudible) ari ibikozasoni by'ikiremwamuntu. Mwumve rero uwo muririmbyi witwa Nel Oliver akaba akomoka muri Bénin.

.... (inaudible) hari abantu rero ubu ndetse (inaudible) ino aha, mu mwanya, hano. Hano ubu muri sitidiyo nahatumiye MUKAMANA Donata, MUKAMANA Donata akaba yari yagiriye mu misa ahura n'ibisambo (inaudible), (inaudible) KANYARENGWE yajya ate mu ishyaka rya FPR? Abafunguwe mu Ruhengeri ejobundi mu gihe cy'intambara ari uko babasanze mu munyururu gusa bakabashimuta, abo bantu bajya bate mu ishyaka rya FPR? Ari... niba ishyaka ari ishyirahamwe ry'abantu bahuje ibitekerezo bagamije kuzamura igihugu, bagamije kuzamura rubanda.

Kuko umuntu agushimuse gusa mu munyururu, uhise uba mu ishyirahamwe rye, muhuje ibitekerezo mugamije kuzamura igihugu. Ibyo ni ibibazo byinshi ee muri politike ni ibibazo bisobanutse nyamara, ibibazo ... (inaudible) bisobanutse, ee ngereranya biriya by'Inkotanyi na... KANYARENGWE n'umuntu wafata tagisi yerekeza nk'i Kabuga, ariko umwe aribuviremo i Remera, ukabona rero FPR yo ko yari igamije... yafashe itagisi igana i Kabuga ari ho iribuvirimo

noneho KANYARENGWE agafata itagisi aribuviremo i Remera. Ni ukuvuga ko FPR yari igamije gufata ubutegetsi ijya ku... guhirika ubutegetsi ariko FPR yo ikaba yibuka n'ibyo muri mirongo itanu n'icyenda bikaba ari ibintu bishingiyeho cyane cyane nko kuri revanche y'ubwoko ni ukuvuga kwihimura, Abahutu batwaye ubutegetsi... (inaudible), KANYARENGWE na we ati «manganye na Perezida HABYARIMANA ndahunga none ngize Imana nkabona uwo tumufatanya, nta cyo byaba bitwaye, akaba ari byo nyine, akaba ari itagisi irimo Inkotanyi, Inkotanyi zijya i Kabuga iyo tagisi irimo na KANYARENGWE we agomba kugarukira i Remera bagafatanya inzira gusa ariko umugambi utari umwe. Icyo bahuriyeho gusa ni uko bari mu rugendo, (inaudible) KANYARENGWE n'Inkotanyi nta kintu bahuriyeho. (inaudible) ... uko mbyumva icyo bahuriyeho ni uguhirika ubutegetsi bwa HABYARIMANA, ariko icyaza nyuma KANYARENGWE (inaudible). Ibyo ni byo nagira ngo mbabwire. Mube maso rero ibisambo birabugarije hanyuma hakaba (inaudible) urebye kenshi (inaudible). Mwumve rero iyo ndirimbo ikurikiyeho (inaudible) hanyuma mu mwanya ndabona amasaha ashira noneho ntumikire n'abadutumye. (musique)

FIN DE LA CASSETTE